Abagize akanama gashinzwe gutanga amasoko baterana mu buryo bwemewe iyo byibuze hari bitatu bya gatanu (3/5) by'abakagize, n'imyanzuro yabo igafatwa ari uko bitatu bya gatanu (3/5) by'abahari bayemeye. Impuguke yatumijwe ntigira uruhare mu ifatwa ry'ibyemezo.

the tender concerned or have any relationship with bidders if his/her services are sought after the opening of bids.

The recommendation made by the Internal Tender Committee shall be submitted to the chief budget manager for approval. The latter may request in writing the Committee to make corrections or adjustments to the evaluation report if any, and he/she shall take a final decision on the report before signing the contract.

In addition to Tender Committee responsibilities specified in this Article, a Tender Committee for each organ shall be responsible for the sale of State private assets in accordance with the law determining the procedure for disposal of State private assets.

**Article 12: Decision making by the tender committee**

Sessions of the tender committee shall be valid when at least three fifths (3/5) of members of the committee are present for the purpose and resolutions shall be valid if voted by 3/5 of the members present. The consultant invited shall have no right to vote.

avoir directement ou indirectement aucun intérêt au marché concerné ou avoir une relation quelconque avec les soumissionnaires si ses services sont demandés après l'ouverture des offres.

Une recommandation faite par le comité de passation des marchés est soumise au gestionnaire principal du budget pour approbation. Celui-ci peut demander par écrit au comité de passation des marchés de faire des corrections ou ajustements nécessaires sur le rapport d'évaluation et prend la décision finale sur le rapport avant de signer le contrat.

Sur les attributions spécifiées au présent article s'ajoute l'attribution du comité de passation des marchés publics au sein de chaque entité de vendre des biens publics suivant les dispositions de la loi fixant les procédures de disposition des biens du domaine privé de l'Etat.

**Article 12: Prise de décision par le comité de passation des marchés**

Les sessions du comité ne peuvent être valides que si trois cinquième (3/5) des membres du comité sont présents, et les résolutions prises sont valides si elles sont votées à la majorité de trois cinquième (3/5) des membres présents. Le consultant invité n'a pas droit au vote.

*Official Gazette n°10 of 10/03/2014*

Akanama gashinzwe gutanga amasoko kagomba gukora raporo y'ifungurwa ry'amabasha y'abapiganwe akimara gufungurwa igasinywaho n'abitabiriye ifungura ry'amabasha bose. Kagomba kandi gukora raporo y'isesengura ikubiyemo uburyo bwakoreshejwe mu isesengura n'ibyavuye mu igereranya ry'inyandiko z'ipiganwa, igashyirwaho umukono n'abitabiriye isesengura bose.

Perezida w'akanama kavugwa muri iri teka ni we uhuza ibikorwa bijyanye n'isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa mu buryo butabogamye kandi mu mucyo. Abagize akanama gashinzwe gutanga amasoko bagize uruhare mu ifatwa ry'ibyemezo mu isesengura bafatanyaga kwirengera ingaruka z'ibyemezo byafashwe n'ako kanama.

Iyo mu bagize akanama hari utatoye umwanzuro wafashwe, igitekerezo cy'e kigomba kugaragazwa muri raporo kandi iyo raporo nawe akayisinye.

Isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa rigomba kuba ryarangiyeye mu gihe kitarenze iminsi makumyabiri n'umwe (21) ikurikirana uherye igihe inyandiko z'ipiganwa zifunguriwe uretse mu gihe hari impamvu zumvikana zigaragazwa n'Urwego rutanga isoko kandi abapiganwe bakabimenyeshwa mu gihe cy'iminsi irindwi (7) ibarwa uherye ku munsu wa makumyabiri n'umwe (21) uvugwa muri iki gika.

Mu gihe urwego rutanga isoko rufashe

The tender committee shall make a bids' opening report immediately after their opening and the report shall be signed by all members present. It shall also make a brief report on the bid evaluation comprising the evaluation process and comparison of bids and it shall be signed by all the evaluation committee members present.

The chairperson of the tender committee mentioned in this Order shall coordinate the whole process of the evaluation of bids and shall be required to act with impartiality and transparency. Members of the tender committee taking decisions in relation to the evaluation of bids shall be jointly liable for the consequences that may arise from the decisions taken by the committee.

However, in case any of members of the Committee does not vote for the decision taken, his/her opinion shall be clarified in the report which he/she shall also sign.

The evaluation of bids shall be done within a period not exceeding twenty- one (21) calendar days from the date of the opening of bids except when there are clear reasons raised by the procuring entity. Bidders shall be notified of those reasons within seven (7) days to be counted from the twenty-first (21) day specified in this Paragraph.

In case the procuring entity decides to cancel the

Immédiatement après l'ouverture des offres, le comité de passation des marchés dresse un rapport d'ouverture signé par tous les participants à l'ouverture des offres. Il fait aussi un bref rapport d'évaluation comprenant le processus d'évaluation et la comparaison des offres. Le rapport est signé par tous les membres du comité ayant pris part à l'évaluation.

Le président du comité de passation des marchés prévu par le présent arrêté assure la coordination de tout le processus d'évaluation des offres dans l'impartialité et la transparence. Les membres du comité qui participent à la prise des décisions relatives à l'évaluation des offres sont solidairement responsables des conséquences qui peuvent résulter des décisions prises par le comité.

Au cas où l'un des membres du comité n'est pas pour la décision prise, sa position doit figurer dans le rapport qu'il doit aussi signer.

L'évaluation des offres est effectuée dans une période ne dépassant pas vingt et un jours (21) calendrier à compter de la date de l'ouverture des offres, sauf au cas où l'entité de passation des marchés a des raisons justifiées. Ces dernières doivent être notifiées à tous les soumissionnaires dans un délai de sept (7) jours compté à partir du 21<sup>ème</sup> jour spécifié au présent alinéa.

Lorsque l'entité de passation des marchés décide

icyemezo cyo gusesa ipiganwa cyangwa rwanze inyandiko zose z'ipiganwa, rugomba guhita rubimenyeshya abapiganwe bose mu nyandiko impamvu y'icyo cyemezo kandi bakabimenyeshywe kikimara gufatwa. Iyo urwego rutanga isoko rwongeye gutangaza isoko, rushobora kutagurisha igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa abari barakiguzwe mbere y'iseswa. Urwego rushobora kandi no kudasaba abari barasuye aho isoko rizakorera kongera gusura bwa kabiri keretse hari impamvu zituma nabo bongera gusura.

**Ingingo ya 13 : Agahimbazamusi kagenerwa abagize akanama gashinzwe gutanga amasoko**

Abagize akanama gashinzwe gutanga amasoko bagenerwa agahimbazamusi ka buri kwezi mu buryo bukurikira:

1° ku nzego zitanga amasoko atarenze mirongo itanu (50) mu mwaka, ugize akanama gashinzwe gutanga amasoko agenerwa ibihumbi mirongo itatu n'icyenda (39,000) by'amafaranga y'u Rwanda;

2° ku nzego zitanga amasoko mirongo itanu na rimwe (51) kugeza kuri mirongo inani (80) mu mwaka, ugize akanama gashinzwe gutanga amasoko agenerwa amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo itanu na bibiri (52 000 FRW);

3° ku nzego zitanga amasoko 81 kugeza ku ijana (100) mu mwaka, ugize akanama

procurement proceedings or to reject all bids/proposals, it shall immediately inform all bidders of the decision with reasons of cancellation or rejection. If the procuring entity re-advertises the tender, it may give the bidding document, free of charge, to bidders who had bought it before. The procuring entity may also not require the second site visit to those who had visited before unless there are reasons for the second site visit.

**Article 13 : Allowances for members of the tender committee**

Members of the tender committee shall be entitled to a monthly allowance as follows:

1° for procuring entities which award less than fifty (50) tenders a year, each member shall be entitled to thirty-nine thousand (39,000) Rwandan francs;

2° for procuring entities which award from fifty- one (51) to eighty (80) tenders a year, each member shall be entitled to fifty two thousand (52,000) Rwandan francs;

3° for procuring entities which award from eighty one (81) to one hundred (100) tenders, each member

d'annuler le processus d'attribuer le marché ou de rejeter toutes les offres, elle en informe immédiatement tous les soumissionnaires en indiquant les motifs de l'annulation ou du rejet. Lorsque l'entité remet en concours le marché, il peut donner gratuitement un Dossier d'Appel d'Offre aux soumissionnaires qui l'avaient acheté avant l'annulation. L'entité peut ne pas exiger une seconde visite au site du marché à moins qu'il y ait des raisons justifiant une deuxième visite.

**Article 13 : Prime allouée aux membres du comité de passation des marchés**

Les membres du comité de passation des marchés bénéficient d'une prime mensuelle fixée de la manière suivante:

1° pour les entités qui attribuent moins de cinquante (50) marchés par an, chaque membre du comité bénéficie d'une prime de trente-neuf mille (39,000) francs rwandais;

2° pour les entités qui attribuent de 51 à 80 marchés par an, chaque membre du comité bénéficie d'une prime de cinquante-deux mille (52,000) francs rwandais;

3° pour les entités qui attribuent de 81 à 100 marchés par an, chaque membre du comité

*Official Gazette n°10 of 10/03/2014*

gashinzwe gutanga amasoko agenerwa amafaranga y'u Rwanada ibihumi mirongo itandatu na bitanu (65 000 FRW);

4° ku nzego zitanga amasoko ari hejuru y'ijana (100) mu mwaka, ugize akanama gashinzwe gutanga amasoko akagenerwa ibihumbi mirongo irindwi na kimwe na magana atanu (71,500) by'amafaranga y'u Rwanda.

Mu gutanga agahimbazamusyi, amasoko abarwa ni ayatangajwe hakoreshejwe uburyo bw'ipiganwa risesuye, ipiganwa rigenewe abapiganwa bake cyangwa ipiganwa rikozwe mu byiciro bibiri, agasesengurwa ndetse agatangirwa n'umwanzuro.

Umubare w'amasoko uherwaho mu kugena agahimbazamusyi, ni uw'amasoko yatanze mu mwaka w'ingengo y'imari ubanziriza utangwamo agahimbazamusyi.

Inzego zitanga amasoko zigishyirwaho zifatwa nk'iziri mu cyiciro cya mbere cy'inzego zitanga amasoko atarenze mirongo itanu buri mwaka. Mu mwaka ubanza agahimbazamusyi ka buri kwezi gatanga hashingiwe kuri icyo cyiciro.

Agahimbazamusyi ka buri kwezi kagenerwa abagize akanama gatanga amasoko, gatanga habanje gukatwaho umusoro ku musaruro ukomoka ku kazi, ugakatwa mu buryo buteganywa n'itegeko rigena imisoro ku

shall be entitled to sixty five thousand (65,000) Rwandan francs ;

4° for procuring entities which award over than one hundred (100) tenders, each member shall be entitled to seventy- one thousand five hundred (71,500) .Rwandan francs.

Tenders to be considered in allocating a monthly allowance are those advertised through open competitive tendering, restricted tendering or two stage tendering methods for which the evaluation and recommendation processes were completed.

The number of tenders to base on in determining the monthly allowance is that of tenders awarded during the financial year preceding the one in which the allowance is being allocated to members of the tender committee.

Newly established procuring entities shall be considered as belonging to the category which awards less than fifty tenders in a year and monthly allowances for the first year shall be allocated on that basis.

Monthly allowances for members of the tender committee are subject to taxes applied following taxation modalities provided for in the law fixing taxes on direct income.

bénéficie d'une prime de soixante-cinq mille (65,000) francs rwandais;

4° pour les entités qui attribuent au- delà de 100 marchés par an, le membre du comité bénéficie d'une prime de soixante- onze mille cinq cent (71,500) francs rwandais.

Les marchés qui servent de référence dans l'allocation de primes sont ceux passés par la méthode d'appel d'offres ouvert, l'appel d'offres restreint ou l'appel d'offres en deux étapes et dont les tâches d'évaluation et de recommandation ont été effectivement accomplies.

Le nombre de marchés servant de base pour déterminer la prime mensuelle est celui des marchés attribués au cours de l'année budgétaire précédant l'exercice pour lequel la primée est due.

Les entités de passation de marchés nouvellement créées sont placées dans la première catégorie des entités qui ne passent pas plus de cinquantes marchés par an. Pour la première année, une prime mensuelle est allouée sur base de cette catégorie.

Une prime mensuelle aux membres du comité de passation de marchés est donnée après rétention de l'impôt sur le revenu professionnel, calculé selon la loi fixant les impôts directs sur le revenu.



musaruro utaziguye.

**UMUTWE WA III: UBURYO BWO GUTANGA AMASOKO YA LETA**

**Ingingo ya 14: Gutanga ububasha bwo gutanga amasoko amwe n'amwe**

Inzego zitanga amasoko ya Leta zivugwa mu itegeko rigenga amasoko ya Leta zishobora guha inzego zireberera uburenganzira bwo kwitangira amasoko ya Leta amwe n'amwe ariko zikayatanga zubahirije ibigenwa n'amategeko, amabwiriza n'amahame remezo ngenderwaho mu itangwa ry'amasoko ya Leta

**Ingingo ya 15: Gutangaza isoko**

Iyo agaciro k'isoko ry'ibigemurwa, imirimo cyangwa serivisi bipiganirwa karenze amafaranga miliyoni ebyiri z'u Rwanda (2.000.000 Frw), urwego rutanga isoko rutanga itangazo rihamagarira ipiganwa nibura mu kinyamakuru kimwe gisomwa n'abantu benshi, ku rubuga rwa interineti rw'urwo rwego no ku rubuga rwa interineti rw'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta.

Isoko rigomba gutangazwa ku rwego mpuzamahanga iyo ari iry'imirimo rirengeje amafaranga y'u Rwanda miliyari imwe na miliyoni magana abiri (1 200 000 000 FRW), ari iry'ibigemurwa cyangwa izindi serivisi rirengeje amafaranga y'u Rwanda miliyoni magana atandatu (600 000 000 FRW) cyangwa ari irya serivisi z'impuguke rirengeje

**CHAPTER III: PUBLIC PROCUREMENT PROCEDURES**

**Article 14: Delegation of power in awarding some tenders**

Procuring entities defined by the Law on public procurement may delegate powers to entities under their supervision to award some tenders in accordance with the laws, regulations and fundamental principles governing public procurement.

**Article 15: Advertisement of tender**

If the estimated budget of supplies, works or services is above two million Rwanda francs (2,000,000 Rwf), the procuring entity shall advertise the tender in at least one newspaper of wide circulation, on the official website of that procuring entity and on Rwanda Public Procurement Authority official website.

Tenders shall be made international if they are for works and their estimated value exceeds one billion two hundred million Rwandan francs (Rwf 1,200,000,000), for goods and other services and their estimated value exceeds six hundred million Rwandan francs (Rwf 600,000,000), and for consultant services and their value exceeds one hundred million Rwandan francs (Rwf

**CHAPITRE III: PROCEDURES DE PASSATION DES MARCHES**

**Article 14: Délégation de pouvoir d'attribuer certains marchés**

Les entités de passation des marchés publics définies dans la loi régissant les marchés publics peuvent déléguer les pouvoirs aux institutions sous leur supervision afin d'attribuer certains marchés tout en respectant les lois, règlements et principes fondamentaux régissant les marchés publics.

**Article 15: Publication du marché**

Si la valeur estimée des fournitures, travaux ou services dépasse deux million de francs rwandais (2.000.000 Frw), l'entité de passation des marchés doit en faire la publication au moins dans un journal de grande diffusion et sur le site web officiel de cette entité et le site web officiel de l'Office National des Marchés Publics.

Les appels d'offres doivent être à caractère international pour les marchés de travaux dont la valeur estimée dépasse un milliard deux cent millions de francs rwandais (1.200.000.000 Frw) et six cent millions de francs rwandais (600.000.000 Frw) pour les marchés de fournitures ainsi que cent millions de francs rwandais (100.000.000 FRW) pour les marchés

*Official Gazette n°10 of 10/03/2014*

amafaranga y'u Rwanda miliyoni ijana (100 000 000 FRW).

de services de consultance.

Bitewe n'imiterere yihariye y'isoko, rishobora gutangazwa ku rwego mpuzamahanga uko agaciro karyo kaba kangana kose.

Depending on its nature, any tender may be made an international tender regardless of its value.

Selon sa nature ou sa complexité, tout marché peut être international, peu importe sa valeur.

Upiganwa ashobora gusaba urwego rutanga isoko ibisobanuro ku gitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa kandi akabisaba mu nyandiko. Urwego rutanga isoko rugomba kumusubiza mu gihe cy'iminsi irindwi (7) uhereye igihe rwakiriye ibaruwa isaba ibisobanuro.

Any bidder may request in writing to the procuring entity for clarifications on the tender document. The procuring entity shall respond to any request within seven (7) days from the day of its reception.

Tout soumissionnaire peut demander, par écrit, les clarifications sur le dossier d'appel d'offre à l'entité de passation de marché. Cette dernière doit répondre à la demande endéans sept (7) jours dès réception de la demande.

**Ingingo ya 16 : Abemerewe gupiganwa**

**Article 16: Eligible bidders**

**Article 16 : Soumissionnaires éligibles**

Abemerewe gupiganira amasoko ya Leta ni abantu bakora imirimo y'ubucuruzi. yanditswe nk'ubucuruzi cyangwa bafite ibyemezo bibemerera gukora umwuga runaka cyangwa bakora umwuga mu buryo bwigenga.

Eligible bidders for public procurement shall be those who deal in commercial activities that are legally registered as businesses, or those holding professional licenses or exercising any liberal profession.

Les soumissionnaires éligibles pour les marchés publics sont ceux qui exercent des activités commerciales légalement enregistrés au registre de commerce, ou ceux qui détiennent des licences professionnelles ou exercent une profession libérale.

Abandi bashobora gupiganira amasoko ya Leta ni aba bakurikira:

Other bidders eligible for public procurement are:

Les autres soumissionnaires éligibles pour les marchés publics sont :

1° imiryango itari iya Leta mu birebana n'ibyo igamije hakurikijwe amategeko shingiro yayo;

1° non governmental organizations in areas relating to their scope of organization as stated by their articles of association;

1° les associations non gouvernementales dans les matières rentrant dans le champ de leurs activités comme prévue par leurs statuts ;

2° amakoperative mu birebana n'ibyo akora hakurikijwe amategeko shingiro yayo;

2° cooperatives in areas relating to their scope of organization as stated by their articles of association;

2° les coopératives dans les matières rentrant dans le champ de leurs activités comme prévue par leurs statuts ;

*Official Gazette n°10 of 10/03/2014*

3° impuguke zigenga zanditswe;

4° ibigo bya Leta byigenga mu mategeko no ku mutungo, bikora ubucuruzi hakurikijwe amategeko y'ubucuruzi.

3° registered individual consultants;

4° public institutions which are legally and financially autonomous and doing business under commercial laws.

3° les consultants individuels enregistrés;

4° les institutions publiques ayant une autonomie légale et financière, exerçant des activités commerciales selon les lois commerciales.

Iby'ingenzi bisabwa abemerewe gupiganwa bavugwa mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo, bigomba gusabwa mu gitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa.

Requirements for participation of eligible bidders specified in paragraph 2 of this Article shall be stated out in the bidding document.

Les conditions exigibles aux soumissionnaires éligibles spécifiés à l'alinéa 2 du présent article, doivent être fournies dans le dossier d'appel d'offres.

**Ingingo ya 17: Kwiyandikisha ku rutonde rw'abapiganira amasoko ya Leta**

**Article 17: Registration of bidders participating in public procurement**

**Article 17: Inscription sur la liste des soumissionnaires participant dans les marchés publics**

Hubahirijwe ibikubiye mu ngingo ibanziriza iyi, umuntu wese upiganira amasoko ya Leta byaba ku giti cye cyangwa nk'isosiyete agomba kwiyandikisha mu biro by'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gutuganya amasoko ya Leta (RPPA).

In respect of the provisions of the preceding article, any individual or legal entity bidder participating in public procurement shall register with Rwanda Public Procurement Authority (RPPA).

Dans le respect des dispositions de l'article précédent, tout soumissionnaire participant comme personne physique ou morale aux marchés publics doit s'inscrire auprès de l'Office National des Marchés Publics (RPPA).

Amabwiriza yerekeranye n'igikorwa cyo kwiyandikisha atangwa n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutuganya Amasoko ya Leta (RPPA).

Instructions on the registration procedures shall be given by Rwanda Public Procurement Authority (RPPA)

L'Office National des Marchés Publics (RPPA) donne des instructions relatives aux procédures d'inscription.

**Ingingo ya 18: Ikiguzi cy'igitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa**

**Article 18: Cost of the tender document**

**Article 18: Coût du dossier d'appel d'offres**

Urwego rutanga isoko rushobora kugurisha ibitabo by'amabwiriza agenga ipiganwa. Ikiguzi cy'Igitabo gikubiyemo Amabwiriza agenga ipiganwa kigomba kuba kingana gusa n'amafaranga yatanzwe cyangwa agomba

The procuring entity may charge a fee to obtain a copy of the tender document. The fee of the tender document shall only be equivalent to the amount of money required for its cost of reproduction and its distribution to the bidders.

L'entité de passation des marchés peut exiger l'achat du dossier d'appel d'offres. Le coût d'acquisition du dossier d'appel d'offres doit correspondre aux seuls frais engagés pour sa reproduction et sa distribution aux

*Official Gazette n°10 of 10/03/2014*

gutangwa mu kugikora no kukigeza ku bapiganwa.

soumissionnaires.

Igitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa kigurishwa amafaranga y'u Rwanda atarenze ijana (100 Frw) kuri buri rupapuro.

The fee for a tender document shall be an amount not exceeding one hundred (100) Rwandan francs . per page.

Le coût du dossier d'appel d'offres ne peut pas être supérieur à cent (100) francs rwandais par page.

Kuri icyo giciro, hiyongeraho amafaranga yo gufotoza ibishushanyo mbonera (plans) iyo ari isoko ry'imirimo.

There shall be an additional fee for photocopying drawings if tenders are for works.

A ce coût s'ajoutent les frais de reproduction des plans, en cas des marchés de travaux.

Mu gihe cyo gutegura inyandiko zabo z'ipiganwa, abapiganwa b'abanyamahanga bashobora kwifashisha igitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa cyatangwajwe kuri interineti, iyo gihari. Gusa, mu gihe cy'ifungurwa ry'inyandiko z'ipiganwa, bagomba kwerekana urupapuro rwa banki bishyuriyeho amafaranga yategetswe yo kugura igitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa.

During the preparation of their bids, foreign bidders may use the bidding document advertised on line, if any. However, during the opening of bids they shall be required to present the bank slip ascertaining that they paid the fee required to obtain the bidding document.

Lors de la préparation des offres, les soumissionnaires étrangers peuvent utiliser le dossier d'appel d'offres publié sur l'internet s'il y en a. Toutefois, lors de l'ouverture des offres, ils doivent présenter un bordereau de versement en banque témoignant le paiement d'un montant exigé pour achat du dossier d'appel d'offres.

Igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa gishobora gusomwa ku buntu na buri wese ubishatse, agisanze ku biro by'urwego rutanga isoko.

The tender document may be consulted from procuring entity's office by any person who so wishes without being charged any fee.

Toute personne qui le désire peut consulter gratuitement le dossier d'appel d'offres au bureau de l'entité de passation des marchés.

**Ingingo ya 19: Umubare ntarengwa utuma hasabwa ingwate y'ipiganwa**

**Article 19: Threshold for request for tender security**

**Article 19 : Seuil pour exiger une garantie de soumission**

Isoko rifite agaciro katarengeje miliyoni icumi (10 000 000 Frw) z'amafaranga y'u Rwanda ntabwo ritangirwa ingwate y'ipiganwa.

Any tender whose value does not exceed ten million (10,000,000) Rwandan francs shall not require a tender security.

Tout marché dont la valeur ne dépasse pas dix million (10 000 000) de francs rwandais n'exige pas la garantie de soumission.

Ku masoko adasabirwa ingwate y'ipiganwa, uwapiganwe agomba gutanga mu gitabo cye cy'ipiganwa inyandiko irimo indahiro ko

For such tenders which do not require a tender security, a declaration of commitment to abide by procurement proceedings shall be signed and

Pour les marchés n'exigeant pas la garantie de soumission, le soumissionnaire est obligé de mettre dans son offre une déclaration

*Official Gazette n°10 of 10/03/2014*

iyemeje gukurikiza no kubahiriza ibisabwa mu ipiganwa, akurikije inyandiko ngenderwaho yashyizwe mu gitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa. Kutubahiriza iyo ndahiro ni ugushaka kuburizamo ipiganwa kandi birahanirwa.

Ku masoko y'imirimu, ayo kugemura, aya serivisi z'impuguke na serivisi zitari iz'impuguke asabirwa ingwate, urwego rutanga isoko rugomba kugena icyitegererezo cy'ingwate y'inyandiko y'ipiganwa no kugena umubare w'amafaranga wayo. Umubare w'amafaranga y'ingwate y'ipiganwa ushingira ku ijanisha ku mubare w'amafaranga y'ingengo y'imari iteganyirijwe iryo soko mu buryo bukurikira:

- 1° 2% ku masoko afite ingengo y'imari iri hasi ya miliyoni ijana (100 000 000) z'amafaranga y'u Rwanda;
- 2° hagati ya 1,5 na 2% ku masoko afite ingengo y'imari iri hagati ya miliyoni ijana (100 000 000 .) na miliyoni magana atanu (500 000 000) z'amafaranga y'u Rwanda;
- 3° hagati ya 1 na 1,5% ku masoko afite ingengo y'imari iri hagati ya miliyoni magana atanu (500 000 000) na miliyari imwe (1.000.000.000 ) y'amafaranga y'u Rwanda ;
- 4° hagati ya 0.1 na 1% ku masoko afite

submitted by bidders in their respective bids, following the standard format enclosed in the bidding document. The breach of the declared commitment interferes with fair competition and shall attract sanctions.

For tenders of works, supplies, consultancy services and non-consultancy services requiring a tender security, the procuring entity shall determine its form and amount. The amount of the tender security shall be a percentage of the tender estimated budget as follows:

- 1° 2% for tenders whose estimated budget is less than one hundred million (100,000,000) Rwandan Francs;
- 2° between 1.5 and 2% for tenders whose estimated budget is between one hundred million (100,000,000) and five hundred million (500,000,000) Rwandan Francs;
- 3° between 1 and 1.5 % for tenders whose estimated budget is between five hundred million (500,000,000) and one billion (1,000,000,000) Rwandan francs;
- 4° between 0.1 and 1% for tenders whose

d'engagement de respecter les procédures de competitions, complétée suivant le modèle fourni dans le dossier d'appel d'offre. Le non respect de cet engagement fait obstacle à la juste et équitable concurrence et est susceptible de sanctions.

Pour les marchés de travaux, de fournitures, de services de consultances et de services de non consultances exigeant une garantie de soumission, l'entité de passation des marchés publics doit déterminer sa forme et son montant. Le montant de la garantie de soumission correspond à un pourcentage du budget estimé du marché comme suit:

- 1° 2% pour les marchés dont le montant du budget estimé est inférieur à cent millions de francs rwandais (100.000.000 Frw);
- 2° entre 1,5 et 2% pour les marchés dont le montant du budget estimé se situe entre cent millions (100.000.000) et cinq cent millions (500.000.000) de francs rwandais;
- 3° entre 1 et 1,5% pour les marchés dont le montant du budget estimé se situe entre cinq cent millions (500.000.000) et un milliard (1.000.000.000) de francs rwandais ;
- 4° entre 0.1 et 1% pour les marché dont le

*Official Gazette n°10 of 10/03/2014*

ingengo y'imari iri hejuru ya miliyari imwe (1.000.000.000) y'amafaranga y'u Rwanda.

estimated budget is above one billion (1,000,000,000) Rwandan francs.

montant du budget est supérieur à un milliard (1.000.000.000) de francs rwandais.

**Ingingo ya 20: Ifatirwa ry'ingwate y'ipiganwa**

Haseguriwe ibiteganywa n'itegeko rigenga amasoko ya Leta, iyo uwatsinze ipiganwa yanze gusinya amasezerano biturutse ku rwego rutanga isoko, nko kuba amasezerano atarasinywe mu gihe giteganywa n'amategeko kandi urwego rutaramumenyeshije impamvu, cyangwa kuba rwanga ko ibyo amategeko agenga amasoko ya Leta yemerera uwapiganwe bishyirwa mu masezerano, icyo gihe ingwate ye y'ipiganwa ntifatirwa.

**Ingingo ya 21: Amahirwe yisumbuyeho ku bapiganwa bo mu gihugu no mu karere**

Ku birebana n'amasoko mpuzamahanga, igitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa gishobora guteganya amahirwe yisumbuyeho mu gihugu n'abo mu karere turimo. Ayo mahirwe ntarenga icumi ku ijana (10%) by'agaciro kose k'isoko kandi atangwa mu gihe hakorwa isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa ku rwego rw'igiciro.

Iyo igitabo cy'amabwiririza agenga ipiganwa giteganywa amahirwe avugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, kandi kigateganywa ko isoko rishobora gupatanishwa, rwiyemezamirimo upatanisha isoko kuri ba rwiyemezamirimo bo mu karere turimo niwe

**Article 20: Retention of the tender security**

Subject to provisions of the law on public procurement, when the successful bidder refuses to sign the contract because of reasons linked with the procuring entity such as delay to sign the contract without known reasons to the successful bidder or refusal by the procuring entity to incorporate in the contract provisions of the law on public procurement for the contractor, her/his bid security shall not be retained.

**Article 21: Preference for domestic and regional bidders**

For international tenders, the tender document may provide for local preference. The domestic and regional preference shall not exceed ten per cent (10%) of the total cost of the tender and shall be granted at the phase of financial evaluation process.

If the tender document provides for domestic and regional preference stipulated in the first Paragraph of this Article, and that the tender may be subcontracted, the principal bidder subcontracting to regional bidders shall be the one to be granted the local preference.

**Article 20: Saisie de la garantie de soumission**

Sous réserve des cas prévus par la loi relative aux marchés publics, lorsque l'attributaire du marché refuse de signer le contrat pour des raisons émanant de l'entité de passation du marché comme le retard de signer le contrat dans un délai requis sans aviser l'attributaire ou le refus par l'entité de mettre dans le contrat les clauses prévues en faveur de l'attributaire par la loi relative aux marchés, sa garantie de soumission ne doit pas être saisie.

**Article 21: Préférence pour soumissionnaires locaux et régionaux**

Pour un appel d'offres international, le dossier d'appel d'offres peut accorder une marge de préférence locale. Celle-ci ne doit pas dépasser dix pour cent (10%) du coût total du marché et elle est accordée à l'étape du processus de l'évaluation financière.

Si le dossier d'appel d'offres prévoit la préférence locale et régionale dont il est question au premier alinéa du présent article, et que le marché peut être sous-traité, c'est le soumissionnaire principal qui soustraite aux soumissionnaires régionaux qui doit bénéficier de

uhabwa ayo mahirwe.

Amahirwe yisumbuyeho ku bo mu gihugu cyangwa mu karere ashobora gutangwa kandi ku bicuruzwa bikorerwa mu karere turimo mu gihe cy'isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa, ku mirimo, ibigemurwa cyangwa serivisi bigaragara ko bikunze kwiharirwa n'abapiganwa bo hanze.

**Ingingo ya 22: Gushyira mu byiciro kubera amahirwe yisumbuye**

Nyuma yo kwakira no gusesengura inyandiko z'ipiganwa, inyandiko z'ipiganwa zujuje ibisabwa zishyirwa mu byiciro mu buryo bukurikira :

**Icyiciro A :** Inyandiko z'ipiganwa zigenewe amahirwe yisumbuyeho ;

**Icyiciro B :** Inyandiko z'ipiganwa zindi.

Iyo isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa rirangiye, agaciro ka buri nyandiko z'ipiganwa zo mu cyiciro cya B kongerwaho icumi ku ijana (10%) byako, isoko rigatangwa hakurikjwe ingingo ya 39 y'itegeko rigenga amasoko ya Leta.

**Ingingo ya 23: Umubare ntarengwa utuma isoko ritangwa nta piganwa ribayeho**

Isoko rifite agaciro katarengeje ibihumbi magana atatu (300.000) by'amafaranga y'u Rwanda rihita ritangwa ku bwumvikane

Domestic and regional preference may also be granted to local products during the process of bid evaluation of goods, works or services that seem to have been the monopoly of foreign bidders.

**Article 22: Categorization due to preference**

After the reception and evaluation of bids, the responsive bids shall be classified as follows:

**Category A:** Bids to be granted local preference;

**Category B:** Other bids.

When the evaluation process is completed, each bid price of category B shall be increased by ten percent (10%) of its value and the contract shall be awarded pursuant to article 39 of the Public Procurement Law.

**Article 23: Threshold for use of single-source procurement**

Any tender whose value does not exceed three hundred thousand (300,000) Rwandan francs shall be directly awarded by the way of single-source

ladite préférence locale.

La préférence locale et régionale peut aussi être accordée aux produits régionaux durant le processus de l'évaluation des offres de travaux, fournitures ou services prouvés qu'ils sont très souvent attribués aux fournisseurs étrangers.

**Article 22: Catégorisation pour cause de préférence**

Après réception et évaluation des offres, les offres conformes aux exigences sont classifiées de la manière suivante :

**Catégorie A :** Offres éligibles à une préférence locale;

**Catégorie B :** Autres offres

Lorsque le processus d'évaluation est terminé, le prix de chaque offre de la catégorie B est majoré de dix pour cent (10%) de sa valeur et le marché est attribué en conformité avec l'article 39 de la loi relative à la passation des marchés publics.

**Article 23: Seuil admis pour utilisation de la méthode d'entente directe/gré à gré**

Tout marché dont la valeur ne dépasse pas trois cent mille (300.000 Frw) francs rwandais est attribué par entente directe sans recourir à aucune

*Official Gazette n°10 of 10/03/2014*

butaziguye bitabaye ngombwa gukurikiza ubundi buryo bw'ipiganisha.

Nta na rimwe urwego rutanga isoko rwemerewe gucagagura isoko hagamijwe kutubahiriza uburyo busanzwe bw'imitangire y'amasoko buteganywa n'amategeko.

**Ingingo ya 24: Inzira n'umubare ntarengwa bikurikizwa igihe hakoreshwa uburyo bwo gusaba ibiciro**

Urwego rutanga isoko rushobora gukoresha uburyo bwo gusaba ibiciro mu gihe rushaka gutanga isoko ry'ibintu cyangwa imirimo y'ubwubatsi bisanzwe ku isoko n'ubwiza bwabyo bukaba busanzwe busobanutse kandi igiciro cyabyo kikaba kitarengeje amafaranga y'u Rwanda miliyoni ebyiri (2.000.000 ).

Mu gukoresha uburyo bwo gusaba ibiciro hagomba kubahirizwa ibi bikurikira:

- (a) urwego rutanga isoko rusaba ibiciro abapiganwa batandukanye batagomba kuba muni ya batatu (3), amazina yabo akagomba kugaragara mu ibaruwa imwe isaba ibiciro ;
- (b) urwego rutanga isoko rugoma gusaba abapiganwa ko ibiciro byabo biherekezwa n'umwirondoro wabo urimo amazina ya sosiyeti, amazina y'uuyiyobora, numero y'umusoreshwa (TIN) n'aho ubucuruzi bubarizwa;

procurement without recourse to any public procurement competition procedure.

In any case the procuring entity shall not be allowed to split tenders in a manner aimed at avoiding the normal procurement methods provided for by the law.

**Article 24: Procedures and threshold for use of request for quotations**

The procuring entity may resort to the request for quotations for the procurement of goods or construction works readily available on the market and have standard specifications and their cost is below two million (2,000,000 Rwf) Rwanda francs.

During the request for quotations, the following procedure shall be respected:

- (a) the procuring entity shall request for quotations from at least three (3) different bidders, whose names appear on one letter requesting for quotations;
- (b) the procuring entity shall require bidders to provide along with their quotations their full identification including the name of the company, names of its manager, the Taxpayer Identification Number and the address of the business;

autre procédure de compétition des marchés publics.

En aucun cas l'entité de passation des marchés ne doit fractionner le marché dans le but d'échapper à l'utilisation des méthodes normales exigées par la loi.

**Article 24: Procédures et seuil pour l'utilisation de la méthode de demande de cotations**

L'entité de passation des marchés peut recourir à l'usage de demande de cotations pour les marchés de fournitures, travaux de construction disponibles sur le marché ayant des spécifications standards et dont le coût n'excède pas deux million (2.000.000 ) de francs rwandais.

Lors de la demande de cotations, la procédure suivante doit être respectée. :

- (a) l'entité de passation des marchés doit demander des cotations par écrit aux trois (3) différents soumissionnaires au moins, dont les noms doivent figurer sur une même lettre d'invitation préparée par l'entité;
- (b) l'entité de passation des marchés demande aux soumissionnaires de présenter les cotations avec leurs identifications complètes dont le nom de la société ; celui de son gérant, le numéro d'identification du contribuable (TIN) et



- (c) mu ibaruwa isaba ibiciro urwego rutanga isoko rumenyeshya abapiganwa niba ku giciro cy'ibikenewe haziyongeraho andi mafaranga, nk'ajyanye n'ubwikorezi, ubwishingizi, amahoro ya gasutamo n'indi misoro, kandi rukabasaba kuzabibarira mu giciro bazatanga;
- (d) abapiganwa bahabwa nibura iminsi itatu (3) y'akazi ngo babe bamaze gutanga ibiciro byabo. Iyo minsi ibarwa uhereye umunsi upiganwa yakiriyeho ibaruwa imusaba igiciro. Iyo abapiganwa bakiriye amabaruwa ku minsi itandukanye, umunsi ukurikizwa n'uwo ibaruwa ya nyuma yakiriweho;
- (e) akanama gatanga amasoko kagomba gusesengura ibiciro byatanzwe n'abapiganwa kakabikorera raporo;
- (f) isoko ritsindirwa n'uwatanze igiciro gito mu bapiganwe kandi wujuje ibindi byasabwe n'urwego rutanga isoko birimo gutanga mu gihe gito ibyo urwego rukeneye;
- (g) ubwo buryo ntibushobora gukoreshwa inshuro irenze imwe mu gihembwe kimwe ku isoko riri mu cyiciro kimwe;
- (c) in the request for quotation, the procuring entity shall inform bidders of any additional costs to the initial price like transportation, insurance fees, custom duties and taxes and shall request them to include the costs in their submitted quotations;
- (d) bidders shall be given at least three (3) working days to submit their quotations. The days shall be counted from the date of receipt of the request by bidders. In case the reception of requests was on different dates, the date of the last reception shall be considered;
- (e) the tender committee shall evaluate the submitted quotations and avail the evaluation report;
- (f) the successful bidder shall be the one with the lowest price and meeting other requirements including the shorter delivery period;
- (g) such a procurement method shall not be used more than once within the same quarter for a tender of the same category;
- l'adresse commerciale;
- (c) dans la demande de cotation l'entité de passation des marchés doit informer les soumissionnaires de tout autre coût s'ajoutant au prix principal, comme les frais de transport, d'assurance, des impôts et taxes, et doit leur demander de les considérer lors de la soumission des cotations ;
- (d) les soumissionnaires doivent bénéficier d'un délai de trois (3) jours ouvrables afin de soumettre leurs cotations. Ce délai est compté à partir du jour de réception d'une demande de cotation. Lorsque les soumissionnaires ont reçu les demandes aux dates différentes, la dernière date de réception est considérée;
- (e) le comité de passation des marchés doit évaluer les cotations et faire un rapport d'évaluation ;
- (f) l'attributaire du marché est le soumissionnaire le moins disant et qui se conforme aux autres conditions exigibles comme le délai de livraison le plus court;
- (g) cette méthode d'appel d'offres ne peut être utilisée plus d'une fois dans un même trimestre pour un marché de même catégorie;

*Official Gazette n°10 of 10/03/2014*

(h) urwego rutanga isoko ntirugomba guhora rusaba ibiciro abantu bamwe gusa.

(h) the procuring entity shall not always request quotations from same bidders.

(h) l'entité de passation des marchés ne doit pas toujours demander les cotations aux mêmes soumissionnaires.

**Ingingo ya 25: Umubare w'amafaranga ntarengwa mu gukoresha uburyo bw'inzira ngufi**

Uburyo bw'inzira ngufi bukoreshwa ku masoko afite agaciro katarengeje amafaranga y'u Rwanda miliyoni icumi (10.000.000 Frw).

**Article 25: Threshold for using simplified method**

Simplified methods shall be used on tenders whose value does not exceed ten million Rwandan francs (10,000,000).

**Article 25: Seuil maximal pour utiliser la méthode simplifiée**

La méthode simplifiée est utilisée aux marchés dont la valeur n'excède pas dix million de francs rwandais (10.000.000)

**Ingingo ya 26 : Uburyo ikiganiro cya tekini giteganyijwe mu gihe cy'ipiganwa mu byiciro bibiri gikorwa**

Mu gihe cy'icyiciro cya mbere cy'itangwa ry'isoko, urwego rutanga isoko rushobora kugirana ikiganiro cya tekini n'abapiganwa kandi inyandiko z'ipiganwa zujuje muri rusange ibisabwa urwego rutanga isoko rurazifata kugira ngo ruzishingireho runonosora igitabo gikubuyemo amabwiriza agenga ipiganwa.

**Article 26: Guidance on technical discussions provided for during the two stage tendering**

During the first stage tendering, the procuring entity may hold technical discussions with bidders and bids that are substantially responsive shall be retained by the procuring entity in order to make adjustments on the bidding document.

**Article 26: Orientation sur les discussions techniques prévues en cas d'appel d'offre en deux étapes**

Pendant la première étape de passation du marché, l'entité de passation de marchés peut tenir des discussions techniques avec les soumissionnaires et les offres remplissant les conditions requises en général sont retenues par l'entité pour servir de base dans la finalisation du dossier d'appel d'offres.

Icyo kiganiro cya tekini kigomba gukorerwa mu nama aho:

Technical discussions shall be held in a meeting where:

Ces discussions techniques doivent avoir lieu dans une réunion tenue pour cet effet, où :

1. abimenyeshejwe n'urwego rutanga isoko, buri wese mu bapiganwa ufite inyandiko y'ipiganwa yujuje ibyasabwe ku rwego rwa tekini agomba kwitabira inama cyangwa akohereza umuhagarariye;

1. after invitation by the procuring entity, any bidder whose bid was substantially responsive shall personally attend the meeting or be represented;

1. après invitation par l'entité de passation de marchés, tout soumissionnaire dont l'offre remplit les conditions requises doit participer personnellement dans la réunion ou y être représenté;

2. ingingo ziri muri buri nyandiko y'ipiganwa zishobora kugira akamaro kugira ngo igitabo

2. elements from each of the substantially responsive bids which are useful in adjusting the

2. les éléments qu'on veut emprunter de chacune des offres pour finaliser le dossier d'appel

*Official Gazette n°10 of 10/03/2014*

gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa kinononsorwe zigomba kugaragazwa neza;

3. icyo kintu cyifashishijwe gikuwe mu nyandiko y'ipiganwa iyi n'iyi, kigomba kuba gifite imiterere rusange itabogamiye ku ruhande ry'iyi nyandiko gikuwemo;

4. imigendekere y'inama igomba gufatirwa inyandiko mvugo igomba gusinywaho n'abitabiriye inama bose. Kopi y'inyandiko mvugo ihabwa abitabiriye inama bose ndetse ikanohererazwa abafite inyandiko z'ipiganwa zujuje ibisabwa ariko batitabiriye inama.

**Ingingo ya 27: Uburenganzira bw' abakozi ba Leta bakoreshejwe mu buryo bwa Reji**

Isoko rya Leta rishobora gukorwa mu buryo bwa Reji hifashishijwe abakozi bwite ba Leta bakoresheje n'ibikoresho bya Leta.

Mu gihe urwego rutanga isoko ruhiseho .ubwo buryo bwa reji, abakozi bakoreshwa ntibagirana amasezerano n'urwego rutanga isoko kandi nta gihembo bazasaba ku bw'akazi bakoze.

Gusa, abakozi ba Leta bagenerwa ibikoresho, igihe n'uburyo bwose bukenewe kugira ngo ibigomba gukorwa bikorwe neza. Iyo ibikorwa biri ahantu kure y'aho basanzwe bakorera, boherezwayo nk'abakozi bari mu butumwa bw'akazi bakanagenerwa ibihabwa abari mu butumwa bw'akazi.

bidding document shall be highlighted;

3. an element from the bid shall be of general nature and not favor anyhow the bid which it was taken from;

4. the process of the meeting shall be recorded and the minutes shall be signed by all attendants. A copy of the minutes shall be given to attendants and sent to bidders whose bids were substantially responsive but who did not attend the technical discussion meeting.

**Article 27: Rights of civil servants in force account**

Public procurement may be carried out through force account by making recourse to the civil servants and using public equipment.

When the procuring entity decides to use the force account method, the civil servants shall not be considered as contractors to the procuring entity and shall not claim any payment.

However, civil servants shall be given all necessary equipment, time and any other means required for a successful performance. In case the execution is to be carried out in a location far from the work place, civil servants shall be considered to be in an official mission and shall benefit from advantages reserved to public servants in official mission.

d'offres doivent être clarifiés;

3. un élément emprunté d'une offre doit être de nature générale sans toutefois favoriser l'offre d'où il a été emprunté;

4. le procès- verbal de la réunion doit être tenu et signé par tous les participants. Une copie du procès- verbal doit être donnée à chacun d'eux et doit être envoyée aux soumissionnaires dont les offres sont techniquement qualifiées mais qui n'ont pas participé dans la réunion.

**Article 27: Droits du personnel de l'Etat en cas de Régie**

Le marché public peut être exécuté à travers la méthode de régie en faisant recours au personnel propre de l'Etat et en utilisant les équipements de l'Etat.

Lorsque l'entité de passation de marché décide d'utiliser cette méthode de régie, le personnel ne doit pas être considéré comme cocontractant de l'entité de passation du marché et ne doit réclamer aucun paiement.

Toutefois, le matériel, le temps et tous autres moyens nécessaires doivent être disponibilisés pour la bonne exécution des travaux. Si l'exécution doit se faire dans un lieu éloigné du lieu de travail, le personnel doit être envoyé en qualité du personnel en mission officielle et doit bénéficier de tous les avantages y relatifs.

**Ingingo ya 28: Uburyo bwo gukora isoko hakoreshejwe uruhare rw'abaturage**

Abaturage igikorwa kigenewe, bashobora kugira uruhare mu gutanga serivisi mu masoko ya Leta iyo bigaragaye ko ubwo buryo aribwo bushobora kuzamura ubukungu, kubashakira imirimo no kubashishikariza kugira uruhare mu bikorwa bibagenewe.

Ibyo bikorwa urwego rutanga isoko rwegurira abaturage igikorwa kandi hashyirwa umukono ku masezerano agaragaza inshingano za buri ruhanda.

**Ingingo ya 29: Imitunganyirize y'uburyo bwo gukoresha abaturage**

Kugira ngo ibikubiye mu ngingo ibanziriza iyi bishyirwe mu bikorwa, urwego rwa Leta rutanga isoko nirwo rutegura ishyirwa mu bikorwa by'isoko aho:

- 1° rwifashishije ubuyobozi bw'inzeho z'ibanze, urwego rutanga isoko rukoresha inama abaturage bagenewe igikorwa, bakamenyeshwa iby'icyo gikorwa, uruhare rwabo n'inyungu babikuramo;
- 2° muri icyo nama, uhagarariye urwego rutanga isoko asobanurira abaturage inyandiko igaragaza inshingano z'impande zombi, igihembo

**Article 28. Execution of the tender by community participation**

The beneficiary community may participate in the delivery of services if it is established that that method may contribute to the economy, create employment and enhance their involvement in the activities of which they are beneficiaries.

This shall be carried out by an award of a procurement contract to the beneficiary community by the procuring entity and a contract shall be signed between the two parties specifying the obligations of each party.

**Article 29: Organization of community participation**

For the purpose of the provisions of the preceding article, the procuring entity organises the community participation where:

- 1° assisted by local authorities, the procuring entity organises a meeting of the beneficiary community whereby the latter is informed of the activity, the scope of their participation and the benefit to the community in return;
- 2° during the meeting, the representative of the procuring entity explains to the community the document containing obligations of both sides, the appropriate payment, the period

**Article 28: Exécution du marché par la participation communautaire**

La population bénéficiaire peut participer à la livraison des services dans les marchés publics, s'il est établi que cette méthode peut contribuer à l'économie, à la création d'emploi ainsi qu'à la participation active des populations bénéficiaires.

Dans ce cas, l'entité de passation des marchés attribue le marché à la communauté bénéficiaire et un contrat doit être signé entre les deux parties spécifiant les obligations de chacune d'elles.

